ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/cab.M/09 RYO KUWA 27/07/2009 RIGENA UBURYO INYUBAKO ZITANGIRWAMO SERIVISI ZITANDUKANYE ZIKORERWA ABATURAGE ZIGOMBA KUBA ZITEYE MU BURYO BWO KOROHEREZA ABAFITE UBUMUGA

ISHAKIRO


**Ingingo ya mbere: Icyo iteka rigamije**

**Ingingo ya 2: ibisobanuro by'amagambo**

**Ingingo ya 3: Ibyangombwa biteganyirizwa abafite ubumuga ku nyubako**

**Ingingo ya 4: Ahahagarikwa ibinyabiziga**

**Ingingo ya 5: Uruhushya rwo kubaka**

**Ingingo ya 6: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**


MINISTERIAL ORDER N° 01/cab.M/09 OF 27/07/2009 DETERMINING THE MODALITIES OF CONSTRUCTING BUILDINGS PROVIDING VARIOUS PUBLIC SERVICES TO EASE THE ACCESS OF PERSONS WITH DISABILITIES

TABLE OF CONTENTS


**Article One: Purpose of this Order**

**Article 2: Definitions**

**Article 3: Building facilities for persons with disabilities**

**Article 4: Parking space for vehicles**

**Article 5: Building permit**

**Article 6: Repealing provision**

**Article 7: Commencement**


ARRETE MINISTERIEL N° 01/cab.M/09 DU 27/07/2009 DETERMINANT LES MODALITES DE CONSTRUCTION DES BATIMENTS OU DIFFERENTS SERVICES PUBLICS SONT PRESTES DE FAÇON A FACILITER L'ACCES AUX PERSONNES HANDICAPEES

TABLE DES MATIERES


**Article premier : Objet du présent arrêté**

**Article 2: Définition**

**Article 3 : Commodités à prévoir pour les personnes handicapées**

**Article 4 : Parkings pour véhicules**

**Article 5: Autorisation de bâtir**

**Article 6 : Disposition abrogatoire**

**Article 7: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/cab.M/09 RYO KUWA 27/07/2009 RIGENA UBURYO INYUBAKO ZITANGIRWAMO SERIVISI ZITANDUKANYE ZIKORERWA ABATURAGE ZIGOMBA KUBA ZITEYE MU BURYO BWO KOROHEREZA ABAFITE UBUMUGA**

**Minisitiri w'Ibikorwa Remezo,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 14, iya 120, iya 121 n'iya 201 ;

Ashingiye ku Itegeko n° 01/2007 ryo kuwa 20/01/2007 rirengera abantu bafite ubumuga muri rusange, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 25;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 19/06/2009 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE :

**MINISTERIAL ORDER N° 01/cab.M/09 OF 27/07/2009 DETERMINING THE MODALITIES OF CONSTRUCTING BUILDINGS PROVIDING VARIOUS PUBLIC SERVICES TO EASE THE ACCESS OF PERSONS WITH DISABILITIES**

**The Minister of Infrastructure,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 14, 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 01/2007 of 20/01/2007 relating to protection of disabled persons in general, especially in Article 25;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 19/06/2009;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE MINISTERIEL N° 01/cab.M/09 DU 27/07/2009 DETERMINANT LES MODALITES DE CONSTRUCTION DES BATIMENTS OU DIFFERENTS SERVICES PUBLICS SONT PRESTES DE FAÇON A FACILITER L'ACCES AUX PERSONNES HANDICAPEES**

**Le Ministre des Infrastructures,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 Juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 14, 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 01/2007 du 20/01/2007 portant protection des personnes handicapées en général, spécialement en son article 25 ;

Après examen et adoption par le conseil des Ministres en sa séance du 19/06/2009 ;

**ARRETE** :

**Ingingo ya mbere : Icyo iteka rigamije**

Iri teka rigena uburyo inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye zigenerwa abaturage zigomba kuba ziteye mu buryo bwo korohereza abafite ubumuga kugera aho izo serivisi zitangirwa.

**Ingingo ya 2 : Ibisobanuro by'amagambo**

*"Inyubako zikorerwamo serivisi zitandukanye"* ni inyubako zose zaba iz'abikorera, zaba iza Leta cyangwa ibigo byayo, iz'imishinga ya Leta kimwe n'iz'amadini anyuranye n'izindi zose zakira abantu ku mpamvu izo ari zo zose.

*"Serivisi zigenewe abaturage"* ni serivisi zose zihabwa abantu ku mpamvu zinyuranye kandi baba bakeneye mu mibereho yabo ya buri munsi.

*"Inyubako zorohereza abafite ubumuga"* ni inyubako zubatse ku buryo abafite ubumuga bashobora kuzinjiramo bitabagoye cyangwa ngo bibabangamire.

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the modalities of constructing buildings providing various public services to ease the access of persons with disabilities.

**Article 2: Definitions**

The term *"buildings where various services are provided"* shall mean all buildings, whether private or public or parastatal as well as those belonging to various religious denominations and all other buildings used for the provision of various services.

The term *"public services"* shall mean all services rendered to the population for various reasons in their best interest.

The term *"buildings that facilitate access for persons with disabilities"* shall mean buildings constructed in a way that access thereto by persons with disabilities is facilitated or eased.

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté fixe les modalités de construction des bâtiments où différents services publics sont prestés de façon à faciliter l'accès aux personnes handicapées

**Article 2 : Définitions**

Les termes *"bâtiments où différents services sont prestés"* signifient tous les bâtiment tant privés que publics ou paraétatiques ainsi que ceux de différentes confessions religieuses et tous les autres bâtiments destinés aux différents services des personnes.

Le terme *"services publics"* signifie tous les services destinés à la population pour différentes raisons et pour leurs besoins quotidiens.

Les termes *"bâtiments qui facilitent l'accès aux personnes handicapées"* signifient bâtiments aux- quels les personnes handicapées peuvent accéder sans difficultés.

*"Uruhushya rwo kubaka"* ni inyandiko itangwa n'urwego rw'ubutegetsi rubifitiye ububasha yemerera uyihawe gutangira imirimo y'ubwubatsi.

The term *"building permit"* shall mean a document issued by a competent public Organ authorizing the recipient to start construction.

Les termes *"autorisation de bâtir"* signifient un document délivré par un organe public habilité donnant à son bénéficiaire l'autorisation de commencer les travaux de construction.

**Ingingo ya 3 : Ibyangombwa biteganyirizwa abafite ubumuga ku nyubako**

Inyubako yose igomba guteganya ibyangombwa byose bituma ufite ubumuga ashobora kutabangamirwa mu kugera kuri serivisi zose zikorerwa cyangwa zitangirwa muri iyo nyubako. By'umwihariko, inyubako yose yaba iya Leta cyangwa iy'abikorera igenewe gutangirwamo serivisi zitandukanye zigenewe abaturage, igomba guteganya aho abantu bafite ubumuga banyura kugirango boroherezwe kugera aho serivisi bakeneye zitangirwa.

Inyubako zubatswe mbere y'itangazwa mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda y'iri teka zigomba kuba zujuje ibiteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

**Article 3: Building facilities for persons with disabilities**

All buildings shall be equipped with the necessary facilities to enable persons with disabilities have access to services therein. In particular whether a public or private building meant to provide services to the public, must provide passage ways for persons with disabilities so as to have easy access to services being offered.

Buildings constructed prior to the publication of this Order in the Official Gazette of the Republic of Rwanda must conform to the requirements stipulated under paragraph one of this Article.

**Article 3 : Commodités à prévoir pour les personnes handicapées**

Dans tout le bâtiment il doit être prévu tout ce qui est nécessaire permettant à la personne handicapée à ne pas rencontrer des obstacles lui empêchant l'accès aux services pourvus ou donnés à partir de ces bâtiments. Spécialement, tout bâtiment, tant public que privé destiné aux différents services publics, doit prévoir les passages pour les personnes handicapées leur permettant d'accéder aux services dont elles ont besoin.

Tous les bâtiments érigés avant la publication du présent arrêté au Journal Officiel de la République du Rwanda doivent se conformer aux prescrits de l'alinéa premier du présent article.

**Ingingo ya 4: Ahahagarikwa ibinyabiziga**

Inyubako zose zitangirwamo serivisi zigomba guteganya aho abafite ubumuga bahagarika ibinyabiziga byabo hihariye, byaba ibifite moteri cyangwa ibitayifite, hegereye ubwinjiriro rusange, hakanateganywa kandi uburyo bwatuma ufite ubumuga atabarwa, yitabara cyangwa atabaza mu gihe bibaye ngombwa kandi mu buryo bwihuse.

**Ingingo ya 5 : Uruhushya rwo kubaka**

Bitabangamiye amategeko areba imitunganyirize y'imijyi n'imyubakire, usaba uruhushya rwo kubaka inyubako zivugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka, agomba kubanza kugaragaza ko hubahirijwe ibisabwa n'amategeko muri rusange n'arengera abafite ubumuga by'umwihariko.

**Ingingo ya 6 : Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Article 4: Parking space for vehicles**

All buildings offering services must provide special parking space for vehicles of persons with disabilities, whether motorized or non-motorized. These spaces should be near main entrances with facilities to enable the rescue, self assistance, calls for help when necessary of persons with disabilities in an expeditious way.

**Article 5: Building permit**

Without prejudice to the legal provisions relating to urban planning and construction, building permit applicants in respect of buildings specified under Article 3 of this Order must demonstrate the observance of laws in general and of those relating to persons with disabilities in particular.

**Article 6: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 4 : Parkings pour véhicules**

Tous les bâtiments destinés aux services doivent être pourvus des parkings spéciaux pour des véhicules des personnes handicapées, qu'ils soient à moteur ou pas, et ces parkings doivent être près des entrées principales où il est également prévus des commodités permettant de porter secours à la personne handicapée, à se secourir elle-même ou à demander secours en cas de besoin et d'une façon rapide.

**Article 5: Autorisation de bâtir**

Sans préjudice des dispositions légales relatives à l'urbanisme et à la construction, le demandeur de l'autorisation de bâtir des bâtiments prévus à l'article 3 du présent arrêté, doit faire preuve du respect des lois en général et celles relatives à la protection des personnes handicapées en particulier.

**Article 6 : Dispositions abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 7: Igihe iteka ritangirira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 27/7/2009

(sé)
**BIHIRE Linda**
Minisitiri w'Ibikorwa Remezo

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 7: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 27/7/2009

(sé)
**BIHIRE Linda**
Minister of Infrastructure

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Minister of Justice / Attorney General

**Article 7 : Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 27/7/2009

(sé)
**BIHIRE Linda**
Ministre des Infrastructures

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**KARUGARAMA Tharcisse**
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux